IBIBAZO N'IBISUBIZO BIKUNZE KWIBANDWAHO MU KIZAMI CYO KUVUGA

TANGIRA UTWIBWIRA

Ibanga : Koresha uburyo bwa I eshatu mu gusubiza wifashishije inkuru yumvikana ibabwira impamvu ushishikajwe no gukora ako kazi n'impamvu ari wowe ukwiye guhabwa ayo mahirwe. Iki kibazo gishobora gusa nk'aho kigoye, ariko abakoresha bakibaza kuko baba bashaka kumenya byinshi kuri wowe byiyongera ku byo uba waranditse mu nyandiko y'umwirondoro wawe (CV).

URIFUZA GUHEMBWA UMUSHAHARA UNGANA GUTE?

Ibanga : Vuga umushahara uteganya guhembwa ukurikije ubushakashatsi wakoze kuri uwo mwanya uri gusaba hanyuma ubihuze n'amafaranga uteganya kwishyura buri kwezi bitewe n'iby'ibanze uzakenera. Babwire ko witeguye ko mwumvikana.

KUBERA IKI WIFUZA GUKORANA NATWE? NI IKI KIGUSHISHIKAJE KURI UYU MWANYA USHAKA?

Ibanga : Koresha inkuru uvuge muri make impamvu uri umukandida ukwiye guhabwa ako kazi ugende ushyiramo ibintu wamenye kuri uwo mwanya. Koresha urugero usobanure bimwe mu byo wagezeho kandi werekane ko ushishikajwe no gukora ako kazi ndetse no gukorana n'icyo kigo.

WABA UFITE IKIBAZO WIFUZA KUTUBAZA?

Ibanga : Baza ibibazo bifatika aho gupfa kubaza gusa ngo ni uko babigusabye. Ushobora kubaza ikibazo kerekeye ikintu utasobanukiwe neza kuri uwo mwanya ushaka cyangwa icyo kigo, cyangwa se ibindi bintu wumvise bivugwa kuri icyo kigo. Ushobora kubaza ibibazo bikurikira:

- **Hazakurikiraho iki nyuma y'iki kizami?**
- **Ni ryari nakwitega kubona ibizava muri iki kiganiro?**
- **Ni iki wishimira cyane ku kuba ukorera hano?**